REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO
AKARERE KA HUYE
INAMA NJYANAMA

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA HUYE YATERANYE KUWA 27 UKUBOZA 2012.

IRIBURIRO

Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 27 Ukuboza 2012 yitabirwa n'abajyanama 24 kuri 28 bayigize.

INGINGO ZIRI KU MURONGO W'IBYIGWA

- Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye kuwa 20/09/2012 no kureba uko ibyemezo byayifatiwemo byashyizwe mu bikorwa.
- Kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2013.
- Amasezerano y'ubufatanye hagati y'Akarere ka Huye na KVCS.
- Gushyiraho amabwiriza agenga amatara yo ku mihanda no kugena ibihano kubangiza ubusitani bw'Akarere n'amatara yo ku mihanda.
- Gusuzuma imyanzuro y'amakomisiyo ya Njyanama.
- Gusuzuma imyanzuro ya Komisiyo y'ubutaka.
- Gusuzuma inyigo y'ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'Akarere ka Huye(Implementation of Huye Local Development Plan) mu Tugari twa Cyarwa, Gatobotobo, Gitwa na Ngoma .

- Gushyiraho abagize Inama y'Ubuyobozi bw'Ibitaro by'Akarere na pharmacie y'Akarere.
- Kuzuza Komite ngenzuzi y'Akarere.
- Kwiga ku madosiye y'abakozi.
- Ibindi.

Mu byemezo by'ingenzi byafashwe harimo:

i. Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 20 Nzeri 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo.
ii. Kwemeza ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2013 imaze kubyunguranaho ibitekerezo
iii. Gushyiraho ingano y'ubwishyu ku bangiza ubusitani n'amatara yo ku mihanda by'Akarere
iv. Kwemeza imyanzuro ya za Komisiyo z'Inama Njyanama imaze kuyunguranaho ibitekerezo.
v. Kwemeza inyigo y'ishyirwa mu bikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'Akarere ka Huye(Implementation of Huye Local Development Plan) mu Tugari twa Cyarwa, Gatobotobo, Gitwa na Ngoma imaze kuyisuzuma.
vi. Kwemeza abagize Inama y'Ubuyobozi bw'Ibitaro by'Akarere na pharmacie y'Akarere
vii. Kwemeza abagomba kuzuza Komite ngenzuzi y'Akarere
viii. Kwemeza abakozi barangije amezi y'igerageza no guhagarika burundu mu kazi abakozi bagaragaweho amakosa mu kazi.

IBYEMEZO

1. Inama Njyanama yemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Huye yateranye kuwa 20 Nzeri 2012 imaze kuyikorera ubugororangingo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

2. Inama Njyanama yemeje ibipimo by'imisoro n'amahoro bizakoreshwa mu mwaka wa 2013, imaze kubiganiraho no kubyunguranaho ibitekerezo nk'uko bigaragara ku mugereka w'ibi byemezo. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

3.Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi y'Akarere kwandikira WDA(Workforce Development Authority) iyibutsa ibaruwa yayandikiye iyisaba kuyigaragariza uruhare rw'Akarere ku micungire y'ikigo cya EAV Kabutare kimwe n'ibindi bigo by'imyuga byo mu Karere. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

4. Inama Njyanama yasabye Komisiyo ya Njyanama y'Imibereho myiza y'abaturage gukurikirana imikorere y'ikigo cya EAV Kabutare kimwe n'ibindi bigo by'imyuga, ikazayishyikiriza raporo mu Nama Njyanama itaha. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

5. Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gutumira KVCS ikaza gusobanurira abajyanama mu Nama Njyanama itaha ku bijyanye n'amasezerano y'ubufatanye ishaka kugirana n'Akarere ka Huye ku micungire ya parking no kubaka Gare y'Akarere; nyuma Inama Njyanama ikazabona ku bifataho umwanzuro. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

6. Inama Njyanama yashyizeho ingano y'ubwishyu ku bangiza ubusitani rusange n'amatara yo ku mihanda by'Akarere ku buryo bukurikira:

Nº	**IBYANGIJWE**	**UBWISHYU**
1	Itara ry'imitwe ibiri	2,500,000frs
2	Itara ry'umutwe umwe	2,300,000frs
3	Itara riyobora ibinyabiziga	15,000,000frs
4	Bordure(metero imwe)	25,000frs
5	Ubusitani n'indabyo zo ku muhanda	30,000frs
6	Umukindo wo ku muhanda ufite uburebure buri hagati ya 0m na 1m	50,000frs
7	Umukindo wo ku muhanda ufite uburebure buri hagati ya 1m na 2m	150,000frs
8	Umukindo wo ku muhanda ufite	300,000frs

	uburebure buri hejuru ya 2m	

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

7. Inama Njyanama yemeje imyanzuro ya za Komisiyo z'Inama Njyanama imaze kuyunguranaho ibitekerezo ku buryo bukurikira:

Komisiyo y'Iterambere ry'ubukungu

- Inama Njyanama yemeje ko amategeko agenga Koperative Umwarimu SACCO agomba kwegerezwa abarimu kugirango barusheho gusobanukirwa imikorere yayo n'inyungu ibafitiye
- Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukurikirana imikorere y'amakoperative aba yahawe inkunga n'abafatanyabikorwa kugirango inkunga iba yahawe nirangira adasenyuka.
- Inama Njyanama yemeje ko abanyamuryango b'amakoperative bagomba guhabwa amahugurwa ku micungire y'umutungo n'imikorere myiza y'amakoperative ndetse bagakora n'ingendoshuri mu gihe amikoro abonetse.
- Inama Njyanama yasabye Komite Nyobozi gukomeza gukangurira amakoperative gukorana n'ibigo by'imari kugirango abashe guteganya imishinga minini igamije iterambere ry'abanyamuryango.
- Inama Njyanama yasabye umugenzuzi bwite w'Akarere kuzajya agenzura imikoreshereze y'amafaranga atangwa n'abanyeshuri mu bigo by'amashuri, aho kureba ''Capitation Grant''gusa.

Komisiyo y'Ubuyobozi, Politiki n'Amategeko

- Inama Njyanama yemeje ko hazabaho umwiherero w'abagize Inama Njyanama y'Akarere ka Huye, abayobozi b'amashami mu Karere n'Abanyamabanga nshingwabikorwa mu kwezi kwa Werurwe 2013**.**

Komisiyo y'Iterambere ry'umugore, urubyiruko, umuco, siporo n'imibereho myiza y'abaturage.

- Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira ku bantu bose bihaye ku buryo bunyuranije n'amategeko ubutaka bw'Akarere buri mu irimbi ry'i Ngoma:
  - Bagomba kwishyura ubutaka bwubatseho amazu batuyemo
  - Bagomba kwamburwa aho bakorera ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi
  - Bagomba gucibwa amande ateganywa n'itegeko kuko bihaye ubutaka bw'Akarere.
- Inama Njyanama yemeje ko Imirenge yose igize Akarere ishaka aho yashyira irimbi rusange, inasaba ko amahoro ku mva yaba amafaranga 1000 mu cyaro, naho ahafatwa nk'umujyi hakishyurwa amafaranga 3000

8. Inama Njyanama imaze gusuzuma imyanzuro ya Komisiyo y'ubutaka mu Karere; yemeje ko ikibanza cyasabwe n'idini ry'Abayisilamu kingana na **1ha** giherereye mu Murenge wa Rusatira, akagari ka Buhimba, mu mudugudu wa Kinkanga cyo kubakamo amashuri y'imyuga na Salle y'imyidagaduro yagihabwa ku gaciro k'amafaranga angana na miliyoni ebyiri n'ibihumbi mirongo irindwi(**2.070.000frs**). Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

9. Inama Njyanama yemeje abagize Inama y'Ubuyobozi bw'Ibitaro by'Akarere ku buryo bukurikira:

Nº	**AMAZINA**	**URWEGO AHAGARARIYE**
1	**TUYISENGE Védaste**	Inama Njyanama y'Akarere
2	**Abbé MUKWIYE Fidèle**(Umuyobozi wa Caritas Butare)	Ahagarariye imiryango idaharanira inyungu
3	**KAYITARE Egide**(Umuyobozi wa Pharmacie VIVA)	Ahagarariye abikorera

4	**BURANGA Assoumpta**(Umukozi ushinzwe Mornitoring and Evaluation muri service y'ubuzima mu Karere	Ahagarariye Secrétariat Exécutif y'Akarere
5	**Dr KARAMAGA Adolphe**(Umuyobozi w'Ibitaro)	Ahagarariye Ibitaro by'Akarere
6	**KAYITESI Francine(**Titulaire wa Centre de santé ya Rubona**)**	Umuyobozi w'Ikigo nderabuzima uhagarariye abandi

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

10. Inama Njyanama yemeje **KAYITARE Egide** k'umwanya w'Umuyobozi w'Inama y'Ubuyobozi bw'Ibitaro by'Akarere. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

11. Inama Njyanama yemeje abagize Inama y'Ubuyobozi bwa Pharmacie y'Akarere ku buryo bukurikira:

Nº	**AMAZINA**	**URWEGO AGARARIYE**	**ICYONGE RWAHO**
1	**HANGANIMANA J.Paul**	Ahagarariye Inama Njyanama y'Akarere	
2	Abbé **SINAYOBYE Edouard** (Umuyobozi wa Economat Général/Butare)	Ahagarariye imiryango idaharanira inyungu	
3	**BUREGEYAJ.Baptiste**(Umuyobozi wa Pharmacie Sunrise)	Ahagarariye abikorera	
4	**NZEYIMANA Désiré**(Titulaire wa	Umuyobozi w'ikigo nderabuzima	

	Centre de Santé ya Rango)	uhagarariye abandi	
5	**UWIZEYIMA Petronille**	Umuyobozi w'ishami ry'ubuzima	Aba bashyirwaho n'itegeko.
6	**Dr KARAMAGA Adolphe**	Umuyobozi w'Ibitaro by'Akarere	
7	**MUKABUGABO Françoise**	Umuyobozi w'Ikigo cya Mutuelle cy'Akarere	
8	**MUZIGANYI Egide**	Umuyobozi w'Ikigo cya Pharmacie	

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

12. Inama Njyanama yujuje Komite ngenzuzi y'Akarere ku buryo bukurikira:

Nº	**AMAZINA**	**IMPAMYABUSHOBOZI**	**ICYO AKORA**
1	MANIRAGUHA Mike	MBA	Umwarimu muri Kaminuza
2	HABIMANA Kizito	Masters in Economics	Umwarimu muri Kaminuza

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

13. Inama Njyanama yemeje burundu mu kazi abakozi b'Akarere barangije amezi atandatu y'igerageza ku buryo bukurikira:

AMAZINA Y'UMUKOZI	**UMWANYA ARIMO**	**AHO AKORERA**	**AMANOTA**		
			Ibikorwa	Imyitwarire	Yose
UWIMANA Bosco	Executive Secretary	Byinza Cell/Kinazi	52/70	24/30	76%
MUKAYIRANGA Donatille	Executive Secretary	Ngoma Cell/Ngoma	56/70	24/30	80%
MUREKATETE Irene	Social Economic Development	Matyazo Cell/Ngoma	56/70	22/30	78%

NSENGIMANA Fabien	Social Economic Development	Kaburemera Cell/ Ngoma	56/70	24/30	80%
RWAMUCYO Prosper	Executive Secretary/ Sector Level	Simbi Sector	56/70	22/30	78%
TWAGIMUGABA Justinien	Civil Status and Notary	Huye Sector	64/70	25.5/30	89.5%

Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

14. Inama Njyanama yirukanye burundu mu kazi **Madamu MUKABAZIGA Indu Mary** wari Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari ka Kabona, mu Murenge wa Kinazi na **Bwana UWINTWARI Victor** wari umukozi ushinzwe iterambere n'imibereho myiza y'abaturage mu Kagari ka Mpare, mu Murenge wa Tumba kubera amakosa yagiye abagaragaraho mu kazi. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

15. Inama Njyanama imaze gusuzuma inyigo y'ishyirwamubikorwa ry'igishushanyo mbonera cy'Akarere ka Huye (Implementation of Huye Local Development Plan) mu Tugari twa **Cyarwa, Gatobotobo, Gitwa na Ngoma** yayunguranyeho ibitekerezo irayemeza. Uyu mwanzuro wemejwe ku bwumvikane busesuye bw'abitabiriye inama.

Bikorewe i Huye, kuwa 27 Ukuboza 2012

MUKASINE Marthe
Umunyamabanga w'Inama
Njyanama y'Akarere ka Huye

UMULIISA Alphonse
Perezida w'Inama Njyanama
y'Akarere ka Huye